Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
Akarere ka Kamonyi

# "ABESAMIHIGO NEWSLETTER"

# AMAKURU Y'INGENZI YARANZE AKARERE KA KAMONYI MU UGUSHYINGO 2025




## IBIRIMO


- ABADEPITE BAGIRIYE URUZINDUKO MU KARERE KUVA TARIKI 24-29 UGUSHYINGO (Page: 15)
- GUVERINERI KAYITESI YIFATANYIJE N'ABATURAGE GUTERA IFUMBIRE YA DAP (Page: 7)
- AMBASADERI W'UBUDAGE YIFATANYIJE N'ABANYAKAMONYI KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA WAHARIWE KUZIRIKANA AKAMARO K'UBWIHERERO (Page: 8)
- BISHENYI: KU BUFATANYE BWA POLISI N'INTARA Y'AMAJYEPFO HATANGIJWE UBUKANGURAMBAGA "TURINDANE, TUGEREYO AMAHORO" (Page: 4)
- ODA GASINZIRWA PEREZIDA WA KOMISIYO Y'AMATORA YASUYE ABAKORERABUSHAKE BA NEC (Page: 14)
- HIZIHIJWE UMUNSI MPUZAMAHANGA W'AMAKOPERATIVE (Page: 17)
- BASEZERANYE BYEMEWE N'AMATEGEKO MU GIHE BAMAZE IMYAKA 50 BABANA (Page: 2)




Ambasaderi w'ubudage mu Rwanda


Abadepite basuye Akarere


Ubukangurambaga"Turindane"

## RUGALIKA: BASEZERANYE BYEMEWE N’AMATEGEKO MU GIHE BAMAZE IMYAKA 50 BABANA NK'UMUGABO N'UMUGORE.

Tariki ya 14 ugushyingo 2025 ubwo hasozwaga mu Kagari ka Masaka Umurenge wa Rugalika icyumweru cy'umuryango ku rwego rw' Intara y’Amajyepfo, muzehe Ndisabiye Innocent n'umugore we Kamanzi Speciose bafashe umwanzuro wo gusezerana byemewe n'amategeko.



Ni umuhango witabiriwe na Guverineri w’Intara y’Amajyepfo Mme Kayitesi Alice, ubuyobozi bw’Akarere buhagarariwe na Visi Meya ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel, Visi Meya Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee, inzego z’umutekano ku rwego rw’Akarere, abafatanyabikorwa n’abandi bayobozi batandukanye.



Mu butumwa yagejeje ku batuye Umurenge wa Rugalika, Guverineri w’Intara y’Amajyepfo Mme Kayitesi Alice yibukije ko umuryango mwiza wubakiye ku bwumvikane no kujya inama hagati y'abashakanye. Yabasabye kwirinda amakimbirane ahubwo bakubaka umuryango ushoboye kandi utekanye.







# UBUYOBOZI BWAKURIKIRANYE IBIKORWA BYO KUHIRA MU GISHANGA




Itsinda riyobowe n'umuyobozi wa RAB sitasiyo ya Muhanga kuwa 12 Ugushyingo 2025 ari kumwe n'umukozi w'Akarere ushinzwe ubuhinzi n'itsinda ry'aba "Engineers" ba RAB ryasuye ibikorwaremezo byo kuhira mu gisanga cya Mukunguri kugira ngo hemezwe inyigo yakozwe yo gusana ingomero zangiritse zose zifite agaciro gasaga miliyari y'amanyarwanda.

Nyuma yo kurebera hamwe "status" y'ibikorwaremezo byangiritse hifujwe ko haherwa ku rugomero rwa mbere rugaburira Kamonyi na Ruhango kuku arirwo rugomba guherwaho, kuko izindi birasaba kubaka bundi bushya kandi rukimurwa.

Biteganyijwe ko iki gikorwa cyo kubaka cyazatangira mu kwezi kwa Gicurasi 2026 kuko aribwo imvura iba igabanutse.

## BISHENYI: KU BUFATANYE BWA POLISI N'INTARA Y'AMAJYEPFO HATANGIJWE UBUKANGURAMBAGA "TURINDANE, TUGEREYO AMAHORO"



Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice, we yavuze ko Leta ihora iteka ishishikajwe no kugeza ibikorwaremezo hirya no hino by'imihanda kugira ngo bifashe mu migenderanire kandi mu buryo bwiza. Yashimangiye ko imihanda igenda ikorwa mu Ntara ayoboye, ndetse ngo hari n'iyagurwa kugira ngo bizafashe mu gutwara abantu n'ibintu hirindwa impanuka. Yongeyeho ko imihanda yashyizweho amatara ndetse n'itaracanirwa gahunda irahari kandi bizakorwa.







Mu bukangurambaga bwakozwe kuwa 11 Ugushyingo 2025, Polisi y'Igihugu ku bufatanye n'Intara y'Amajyepfo basabye abagenzi n'abatwara ibinyabiziga kwigengesera, bagakurikiza amategeko bityo bakagira uruhare mu kwirinda impanuka.
Ni gahunda yabereye mu Murenge wa Runda ikaba yari igamije kwibutsa uruhare rwa buri wese (abatwara ibinyabiziga n'abanyamaguru) mu gukumira impanuka zo mu muhanda, bufite insanganyamatsiko igira iti "TURINDANE, TUGEREYO AMAHORO".

Igikorwa cyitabiriwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme KAYITESI Alice,'itsinda riyobowe n'Umuyobozi wa Polisi Wungirije Ushinzwe Ibikorwa CP Vincent SANO, n'umuyobozi w'Ingabo ku Ntara.

Bakiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josee hamwe n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere.

Mu butumwa bwe, Umuyobozi wa Polisi Wungirije Ushinzwe Ibikorwa Commissioner of Police SANO Vincent yavuze ko impanuka nyinshi ziterwa n'amakosa akorwa n'abatwara ibinyabiziga, rimwe na rimwe banyoye, abagira umuvuduko uretse urugero, abatwara bafite umunaniro ndetse hari n'abajya mu muhanda bataramenya ibinyabiziga. Yavuze ko Polisi icyo ishinzwe mbere na mbere ari ukwigisha, ariko iyo binaniranye hitabazwa itegeko abantu bagahanwa.

# GACURABWENGE: ABAHINZI BITABIRIYE UMUGANDA WO GUSUKURA IMIYOBORO Y'AMAZI MU GISHANGA



IKuwa 12/11/2025 umuhuzabikorwa w'umushinga YEAN mu Karere ka Kamonyi agoronome Musange Stanislas yitabiriye umuganda wo gusukura imiyoboro y'amazi mu cyanya cya Kibuza ndetse atanga n'ubutumwa ku bitabiriye umuganda.

Nyuma y'umuganda Umuhuzabikorwa w'umushinga YEAN yasabye abanyamauryango ba koperative KABIAKI ihinga muri iki gishanga, kugira uruhare mu kurwanya nkongwa idasanzwe babanza kuyitora mbere yo gutera umuti. Basabwe kandi kuvomerera imyaka mu gihe imvura itari kugwa, kongera Urea kubigori kuko itanzwe na Leta yunganiwe 100% idahagije.

Uyu muganda wihariye witabiriwe n'Umukozi w'umushinga SAIP II ukurikirana ubuhinzi, uhagarariye Rumbuka, Ubuyobozi bwa koperative Kabiyaki, Abanyamuryango ka Kabiyaki.

Nyuma yo gukorana umuganda n'abahinzi mu gishanga cya Kibuza, Umuhuzabikorwa wa YEAN kandi yajyanye n'itsinda ryaturutse muri CCOAB gusura imiryango y'abakoresha amazi (WUOs) ikorera mu cyanya cya Bishenyi, Kibuza na Gikoro mu rwego rwo kureba uko ibikorwaremezo byo kuhira bigira uruhare mukongera umusaruro, no kureba uko imiryango y'abakoresha amazi iyobowe



# INTARA YASUYE IBYANYA BIGEGA (FOBASI) BY'UBUHINZI MU KARERE



Kuwa 11/11/2025 Itsinda ry'Abakozi b'intara y'Amajyepfo riyobowe na bwana MUTAMBUKA Fuastin na RAB basuye Akarere ka Kamonyi hagamijwe gusuzuma FOBASI nk'umuhigo, aho basuye FOBASI zitandukanye mu Mirenge ya Musambira, Nyarubaka, Karama, Gacurabwenge na Runda bakaba bashimye ko abahinzi bazi neza iyi gahunda nshya ya Leta ndetse banayitabiriye bari gushyira mu bikorwa ibipimo ngenderwaho (KPIs).

Abagize itsinda ry'Intara basabye ubuyobozi bw'Akarere ka Kamonyi kongera ubukangurambaga abahinzi bose bakajya bahingira rimwe kuri FOBASI kandi bakagira igenamigambi bahuriye nk'itsinda ry'abahinzi bahinga kuri site imwe

FoBaSi (Food Basket Site) ni gahunda ya Leta igamije guteza imbere ahantu hava umusaruro mwinshi, abahakorera ubuhinzi bakubakirwa ubushobozi mu buryo bw'ubumenyi n'amafaranga, bagahabwa inyongeramusaruro hakiri kare n'ibindi bifasha guteza imbere ubuhinzi.

Iyi gahunda iteganyijwe gutangira muri iki gihembwe cy'ihinga 2026A kizatangira muri uku kwezi kwa Nzeri kugeza mu Ukuboza 2025.



# RUBOROGA: GUVERINERI KAYITESI YIFATANYIJE N'ABATURAGE GUTERA IFUMBIRE YA DAP



Mu gitondo cyo kuwa mbere tariki 10 Ugushyingo 2025 abaturage bo mu Murenge wa Mugina by'umwihariko bakorera muri Koperative COAFKA ikorera mu gishanga cya Kavunja ndetse n'abahinzi bahinga mu Kagari ka Kabugondo, Umudugudu wa Cyeru (Fobas Cyeru), bateye ifumbire yunganiwe 100% yatanzwe na Leta mu rwego rwo kongera umusaruro w'ubuhinzi.

Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme KAYITESI Alice hamwe n'itsinda ryaturutse ku Karere riyobwe na Visi Meya Ushinzwe Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel n'abahagarariye inzego z'umutekano bafatanyije n'abaturage gutera ifumbire mu gihingwa cy'ibigori.
w'Akarere.

Nyuma yo gutangiza iki gikorwa, abitabiriye bahawe ubutumwa na Guverineri aho yabasabye gukoresha neza ifumbire bahawe, kwita ku mirima barwanya ibyonyi ndetse asaba abaturage kongera umusaruro ku buryo bushoboka kuko ari gahunda Leta yihaye kandi ari na yo mpamvu yabahaye ifumbire kugira ngo uyu muhigo ugerweho. Yasabye abaturage gukoresha ifumbire icyo yagenewe ntibayijyane mu bindi ahubwo bakazishimira umusaruro wagezweho.



# NTEKO: HIZIHIRIJWE UMUNSI MPUZAMAHANGA WAHARIWE KUZIRIKANA AKAMARO K'UBWIHERERO




Mu Kagari ka Nteko mu Murenge wa Mugina tariki 19 Ugushyingo 2025 habereye igikorwa cyo kwizihiza umunsi mpuzamahanga wahariwe kuzirikana akamaro k'ubwiherero kandi bwujuje ibisabwa mu mibereho ya muntu ya buri munsi. Ni gahunda yateguwe ku bufatanye n'imiryango ARDE KUBAHO uterwa Inkunga na Minisiteri y'Ubudage ifite mu nshingano imishinga y'iterambere mpuzamahanga.




Ambasaderi w'Ubudage mu Rwanda Madame UTA DETTMANN yitabiriye iyi gahunda, yaranzwe no kumurikira abaturage bimwe mu bikorwa bibafasha kugira isuku birimo: umuyoboro w'amazi Kona-Nyagisozi, ubwiherero bwubatswe ku mashuri, amavomero rusange, ibigega by'amazi, imisarani ya ECOSAN hamwe n'icyumba cy'umukobwa kuri GS Kabasare hamwe n'ibigega bifata amazi byatanzwe ku bigo by'amashuri.
Muri uyu muhango, ARDE KUBAHO yari ihagarariwe na perezida wayo mu Rwanda bwana MURENZI Paul, ibikorwa byagezweho ku nkunga ya BMZ binyuze mu muryango SIGN OF HOPE yari ihagarariwe na Madamu ALMA.







## ABABARURAMARI BASHYA BAHUGUWE KU MIKORERE YA IFMIS



Mu rwego rwo kubongerera ubushobozi kuva kuwa mbere tariki 17-21 Ugushyingo 2025, ku bufatanye na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi ababaruramari bashya bakorera mu bigo bitandukanye mu Karere (by'umwihariko b'Imirenge n'Ibigonderabuzima) bahuguwe ku mikorere n'imikoreshereze ya "IFMIS" ariyo sisitemu y'ikoranabuhanga ya MINECOFIN ikoreshwa n'inzego za Leta zifite ububasha bwo gukoresha amafaranga ya Leta.

Iyi gahunda yatangijwe kandi inasozwa nUmuyobozi w'Agateganyo w'Imirimo Rusange mu Karere bwana NDAHIMANA Longin, ibiganiro byatanzwe n'intumwa za MINECOFIN aribo NTIRENGANYA Theogene afatanyije na na NDATENYIRIGIRA JMV (PFM Specialists).



Mu rwego rwo kubongerera ubushobozi kuva kuwa mbere tariki 17-21 Ugushyingo 2025, ku bufatanye na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi ababaruramari bashya bakorera mu bigo bitandukanye mu Karere (by'umwihariko b'Imirenge n'Ibigonderabuzima) bahuguwe ku mikorere n'imikoreshereze ya "IFMIS" ariyo sisitemu y'ikoranabuhanga ya MINECOFIN ikoreshwa n'inzego za Leta zifite ububasha bwo gukoresha amafaranga ya Leta.

# KARAMA: AMBASADERI MUSHYA W'UBUSUWISI YASUYE IBIKORWA BYO KUHIRA MU GISHANGA CYA GIKORO



Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel yakiriye intumwa ziturutse mu Kigo Gishinzwe Imishinga y'Iterambere mu Busuwisi (Swiss cooperation Development) iyobowe na ambassaderi w'Ubusuwisi mu Rwanda Mr.Gilles Cerutti ari kumwe na Mrs. Mauderli Ueli, "Deputy Head of Cooperation", ubuyobozi bwa CCOAIB na Never Again Rwanda ariyo miryango ishyira mu bikorwa izi gahunda zo kuhira ziterwa na "Swiss cooperation Development".

Iyi gahunda yari igamije gusura ibikorwa byakozwe na CCOAIB birimo kubaka ubushobozi bw'abahinzi mu gucunga ibikorwaremezo byo kuhira imyaka, kubibungabunga ndetse n'ubuvugizi. Basuye igishanga cya Gikoro mu Murenge wa Karama baganira n'abahinzi ku byagezweho bashimiye Ubuyobozi bw'Akarere ko bushyira imbaraga mu gufasha imiryango y'bakoresha amazi, banashimiye abahinzi ko bagira uruhare mu kubungabunga ibikorwaremezo no gushyira mu bikorwa amasomo bahabwa.




# UBUYOBOZI BW'IREMBO BWAKOZE UBUKANGURAMBAGA KURI GAHUNDA YA BYIKORERE



Kuwa mbere tariki 17 Ugushyingo 2025, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere bwana Bushayija Fred yakiriye ku Karere itsinda ryaturutse ku cyicaro gikuru cy'IREMBO riyobowe na Mme Carine BAGABO. Ni itsinda ryari rije mu bukangurambaga kuri "Byikorere" igamije gushishikariza abaturage kwisabira serivisi ku rubuga irembo bitabaye ngombwa ko bitabaza ba "agents" kuko ibyo bibatwara umwanya bari gukora ibindi bikorwa bibateza imbere.

Ni ubukangurambaga bwitabiriwe n'abakozi bakorera ku cyicaro cy'Akarere n'abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge.
Iki ni igikorwa biteganyijwe ko kizamara iminsi 3, ubukangurambaga buzakorwa mu Mirenge ya Gacurabwenge, Rugalika, Runda na Musambira. Gahunda iri gukurikiranwa n'umukozi ushinzwe ikoranabuhanga mu karere bwana Aloys NSEKARIJE.






# KAYENZI: HATANGIRIJWE KU RWEGO RW'AKARERE UBUKANGURAMBAGA BW'IMINSI 16 KU KURWANYA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA

Tariki 26/11/2025 hirya no hino mu Mirenge, hatangijwe gahunda y'ubukangurambaga bw'iminsi 16 ku kurwanya ihohoterwa ndetse n'icuruzwa ry'abantu. Ku rwego rw'Akarere iki gikorwa cyabereye mu Kagari ka Mataba Umurenge wa Kayenzi gahunda yatangijwe ku mugaragaro na Hon. MURORA Beth depite mu Nteko Ishinga amategeko.




Ubu bukangurambaga bwitabiriwe kandi na Hon. NIYONGANA Gallican, Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi Dr. NAHAYO Sylvere, abakuriye inzego z'umutekano mu Karere (RNP, NISS, RIB na DASSO), umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore (CNF) mu Karere....




Igikorwa cyabimburiwe n'ikiganiro cyatanzwe na Mme MUKANDAHIRO Jeanne d'Arc, ukuriye RIB mu Karere cyibanze ku kurwanya ihohoterwa, ibihano, ndetse n'amoko y'ihohoterwa.



Muri ubu bukangurambaga hashimiwe umufatanyabikorwa UBUNTU CENTER FOR PEACE kubera uruhare uyu muryango wagize mu isanamitima, kurwanya ihohoterwa no kubaka amahoro arambye mu miryango.




## ABAYOBOZI B'IBIGO BY'AMASHURI BAHAWE AMAHUGURWA KU MYIGISHIRIZE Y'AMATEKO Y'U RWANDA

Nyuma y'iyi nama abitabiriye bemeranyijwe ko Ibigo Nderabuzima byakorana n'Abajyanama b'ubuzima mu gihe cya vuba hagamijwe kubasobanurira ibikorwa bigiye gukorwa, kubahugura ku mikoreshereze ya "Toise" no kubaha imiti bazakoresha mu gihe cy'icyumweru cyahariwe ubuzima bw'umubyeyi n'umwana.



Hemejwe kandi ko kuwa 24 Nzeri 2025 nyuma ya saa sita ibinini bivura inzoka zo mu nda bizatangira gutangwa ku bantu bakuru mu masibo abajyanama b'ubuzima bakoreramo no mu Bigo by' amashuri kandi mu Bigo by' amashuri buri mwarimu azajya aha ibinini abana yigisha atange raporo yabo yahaye. Hatangajwe ko Ibikorwa byo gupima abana imikurire, ikubaha ikinini cya Vitamini A n'ibinini bivura inzoka zo mu nda bizatangira kuwa kane tariki 25/09/2025, abana bari muri ECDs no mu Bigo by' amashuri niho bazajya babahera serivisi zose zibagomba.





Hemejwe ko serivisi zo kuboneza urubyaro no gushaka abana bacikanwe n'inkingo kugira ngo bakingirwe zigomba gukomeza kwitabwaho cyane. Hemejwe ko ibikorwa by'isuku bizajya binozwa bigizwemo uruhare na Komite z' isuku ku Midugudu zifatanyije naba mutwarasibo n'Abajyanama b'ubuzima ( Buri muntu azajya akorera mu isibo ye ,mu ngo areberera)



## RUKOMA: MME ODA GASINZIRWA PEREZIDA WA KOMISIYO Y'AMATORA YASUYE ABAKORERABUSHAKE BA NEC





Ubwo yari mu gikorwa cyo gukurikirana imigendekere y'amahugurwa yegenewe abakorerabushake ba komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Perezidante wa komisiyo y'Igihugu y'Amatora Hon. Oda GASINZIRWA yasuye abitabiriye amahugurwa bo mu Mirenge ya Ngamba na Rukoma kuri site ya Rukoma tariki 27 Ugushyingo 2025.



Ibi biganiro bigamije kwibukiranya inshingano z'abakorerabushake n'imyitwarire igomba kubaranga mu rwego rwo guharanira imigendekere myiza y'amatora.



Perezidante wa NEC yibukije aba bakorerabushake ko aribo shingiro ry'imigendekere myiza y'amatora, bityo bakaba bahamagarirwa gukora ibishoboka byose bagahora iteka bazirikana ko amatora akozwe mu mucyo ariyo shingiro ry'imibereho myiza n'iterambere kuko abaturage baba bihitiye neza abazabagirira akamaro, kandi ko abakorerabushake bafite inshingano ikomeye yo kuyobora amatora hirya no hino mu Midugudu kugira ngo agende neza.

# ABADEPITE BAGIRIYE URUZINDUKO MU KARERE KUVA TARIKI 24-29 UGUSHYINGO

Ku wa mbere tariki 24 Ugushyingo 2025, Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere yakiriye itsinda ry'abadepite riyobowe na Hon. MURORA Beth rikaba rigizwe na Hon. NIYONGANA Gallican na Hon. Muyango Sylivie; ryari mu ruzinduko mu Karere kuva 24-29 Ugushyingo 2025; rugamije kwegera abaturage hagamijwe kugenzura ibikorwa byerekeye iterambere ry'imijyi, imiturire n'imikoreshereze y'ubutaka.





Iyi gahunda yabanjirijwe n'inama ku cyicaro cy'Akarere yahuje aba badepite n'abayobozi mu nzego zitandukanye , abakuriye inzego z'umutekano mu Karere, Perezida wa JADF n'uhagarariye Ihuriro ry'amadini, hari kandi abayobozi b'Imirenge n'amashami ku Karere).



Muri iki gihe cy'icyumweru Abadepite basuye ibikorwa by'iterambere n'imitunganyirize ya site z'imiturire mu Mirenge yose , nyuma bagiye bagiranye inama n'abaturage ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta; bakira banakemura ibibazo bashyikirijwe.



Uru ruzinduko rwashojwe n'umuganda rusange usoza ukwezi wabereye mu Kagari ka Kabugondo Umurenge wa Mugina wibanze ku bikorwa by'isuku n'isukura aho abadepite bafatanyije n'abaturage gusiga amarangi ku nzu muri santeri y'ubucuruzi ya Kabuga, habayeho gusibura inzira z'amazi ndetse abadepite bagiranye inama n'abaturage bibutswa ko isuku ari isoko y'ubuzima.



# NYARUBAKA: KOMISIYO Y'IMIYOBORERE MYIZA MU NAMA NJYANAMA Y'AKARERE YASUYE INTWAZA, BANAGANIRIZA ABAGIZE INTEKO Y'ABUNZI



Kuwa 25 Ugushyingo 2025, itsinda ry'Abajyanama bagize komisiyo y'imiyoborere myiza bayobowe na bwana RUGWIRO GAHAMANYI David perezida w'iyi komisiyo muri Njyanama y'Akarere, bagiriye uruzinduko rw'akazi mu Murenge wa Nyarubaka.

Abajyanama bagiranye ku biro by'Umurenge ikiganiro n'abagize inteko y'abunzi ku Murenge no ku Tugari, iki kiganiro cyibanze ku mikorere y'uru rwego rw'abunzi n'uruhare rwabo mu gutanga ubutabera bwunga.

Nyuma yaho bakomeje igikorwa cyo gusura Umubyeyi w'Intwaza Mukamugema Esperance ubana n'umukazana we mu Mudugudu wa Gatagara mu rwego rwo kureba imibereho y'aba babyeyi, iki gikorwa cyitabiriwe kandi n'umukozi wa AVEGA mu Karere. Itsinda ry'abajyanama bagize komisiyo y'imiyoborere myiza muri Njyanama y'Akarere ryitabiriye inteko mu Kagari ka Ruyanza i Nyarubaka baganiriza abaturage kuri gahunda za Leta.

# I GIHINGA HIZIHIRIJWE UMUNSI MPUZAMAHANGA W'AMAKOPERATIVE

Tariki 28 Ugushyingo 2025 i Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge habereye ibirori byo kwizihiza umunsi mpuzamahanga wahariwe kuzirikana akamaro k'amakoperative mu iterambere ry'abaturage. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti" koperative umuyoboro udaheza uganisha ku bisubizo birambye byubaka isi nziza". Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu cy'Amakoperative ( Rwanda Cooperative Agency) bwana KAMANZI Francis yitabiriye ibi birori. Hari kandi Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel, ukuriye RCA mu Ntara y'Amajyepfo, abakuriye inzego z'umutekano mu Karere. Ibirori byaranzwe no kumurika bimwe mu byagezweho n'amakoperative (mini Expo), imbyino n'ubutumwa buganisha ku kamaro ka koperative, hatanzwe n'ibyemezo by'ishimwe ku makoperative yahize ayandi mu mikorere myiza muri buri Murenge.

Umuhanzi Senteri Hit International yifatanyije n'abanyakomonyi kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'amakoperative aho yasusurutsa abitabiriye mu bihangano bye bikunzwe cyane mu gihugu.












# NGAMBA: ABATURAGE BIBUKIJWE KO UBUFATANYE ARI INGENZI CYANE MU GUKUMIRA IBYAHA



Ubwo yari mu nteko y'abaturage mu Kagari ka Kazirabonde Umurenge wa Ngamba tariki 25 Ugushyingo 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee yibukije ko umutekano ariwo shingiro rya byose bityo bakwiye gukomeza ubufatanye n'inzego z'ubuyobozi by'umwihariko inzego z'umutekano mu gukumira ibyaha bitaraba batangira amakuru ku gihe.



Uyu muyobozi avuga ko hamwe n'abaturage bazakomeza kwita ku kubumbatira umutekano, abasaba kwirinda icyo aricyo cyose cyakurura umutekano mucye nk'ibihuha ndetse n'ibindi bikorwa biganisha ku kugandisha abaturage cyangwa muri rusange guhungabanya umutekano. Ibi kandi byashimangiye n'Umuyobozi w'Ingabo mu Karere aho nawe yasabye abaturage gukomeza ubufatanye kandi ko nta cyananirana igihe cyose inzego z'umutekano n'abaturage bashyize hamwe.



Muri iyi nteko kandi hatangirijwe ku rwego rw'Umurenge wa Ngamba ubukangurambaga ku kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'icuruzwa ry'abantu, ndetse hatangizwa ubukangurambaga ku gukumira inda ziterwa abangavu hakaba hatanzwe ubutumwa bunyuranye buganisha ku gukumira ibi bibazo mu muryango nyarwanda.

# KU KARERE HATERANYE INAMA Y'UMUTEKANO YAGUYE Y'AKARERE

Tariki 20 Ugushyingo 2025 ku gicamunsi, ku biro by'Akarere hateraniye inama y'umutekano yaguye iyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, iyi nama yanitabiriwe n'abayobozi b'Akarere Bungirije. Abitabiriye inama bunguranye ibitekerezo k u ishusho y'umutekano mu mezi abiri ashize (Ukwakira-Ugushyingo 2025) n'ingamba zo gukomeza kuwusigasira, haganiriwe kandi ku migendekere y'igihembwe cy'ihinga 2025/2026 A. Abitabiriye inama baganiriwe ku migendekere cy'umuryango.

Inama yitabiriwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere SSP Fulgence Furaha, Umuyobozi w'Ingabo mu Karere, n'abandi bagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere, abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abakuriye inzego za Police, RIB, DASSO n'Inkeragutabara mu Mirenge. Inama y'umutekano yaguye yabanjirijwe n'inama y'inama y'umutekano itaguye y'Akarere.









# UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI WIBANZE KU BUKANGURAMBAGA KU ISUKU N'ISUKU HOSE MU KARERE

Tariki 29 Ugushyingo 2025 hirya no hino mu Mirenge yose igize Akarere, abaturage n'abayobozi babo bitabiriye umuganda rusange usoza ukwezi.
Muri rusange hibanzwe ku bikorwa by'isuku n'isukura : gusiga amarangi ku mazu, gusiba ibinogo siba ibinogo no gutunganya rigoles ziyobora amazi, gucukura ingarani no gushyira poubelles zijyamo imyanda ahahurira abantu benshi (kuri santeri z'ubucuruzi, muri gare aho abantu bategera imodoka, ku mihanda minini.).

Ku rwego rw'Akarere umuganda wabereye mu Kagari ka Kabugondo Umurenge wa Mugina muri santeri y'ubucurizi ya Kabuga. Witabiriwe na Hon. Depite MURORA Beth na Hon. NIYONGANA Gallican.
Hari kandi Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere, Visi Meya Ushinzwe Imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee, abakuriye inzego z'umutekano mu Karere

umuganda wanakozwe mu bigo by'amashuri witabirwa n'abanyeshuri n'abarezi babo. Nyuma y'umuganda abitabiriye bagejejweho ubutumwa ku gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kurwanya icuruzwa ry'abantu muri gahunda y'ubukangurambaga bw'iminsi 16 bwahariwe kurwanya ihohoterwa. .










**NewsLetter yatunganyijwe na:**
**Faustin NTAKIRUTIMANA (PRO)**